

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME
MU GIKORWA CYO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA
W'UMUGORE WO MU CYARO, UMUNSI MPUZAMAHANGA W'
UMWANA W' UMUKOBWA NO GUTANGIZA UBUKANGURAMBAGA
BW' UMURYANGO**

AKARERE KA NYARUGURU

TARIKI 15/UKWAKIRA/2016

**Ba Nyakubahwa ba Ministres,
Ba Nyakubahwa Ntumwa za Rubanda muri Sena no mu Nteko
ishinga amategeko,
Bayobozi b’Ingabo na Polisi,
Mayor w’Akarere ka Nyaruguru,
Banyakubahwa mwese muteraniye hano,
Bafatanyabikorwa,
Babyeyi, Rubyiruko bana bacu,**

Muraho mwese!

Nagira ngo mbashimire kuba mwitabiriye uyu muni w’ingenzi ku mibereho y’umuryango - ishingiro ry’igihugu duharanira guteza imbere. Kwizihiza Umugore wo mu cyaro, byahujwe n’umunsi w’umwana w’umukobwa, ndetse n’ubukangurambaga bw’umuryango, ni igikorwa gikomeye, kandi kitureba twese.

Ibi ndabivugira ko mu Kinyarwanda bavuga ngo, **“Umwana umuhera icyo wamubonyariye, ntumuhera icyo azakumarira”**. Bakongera bati **“utazi agakura abaga umutavu”**. Birakwiriye koko ko **“Twubaka umuryango ubereye Umwana”**.

Kwita ku mugore n’umwana w’umukobwa, nicyo gisubizo kirambye, kiduha icyizere ko twubaka umuryango ubereye umwana, mu gihe turimo, ndetse n’ejo hazaza.

Ubukangurambaga bw'umuryango wose, bukwiriye guharanira ko imibereho myiza, yagera ku bawugize bose, by' umwihariko umwana akaba ariwe uza ku isonga.

Reka tugaruke ku mugore wo mu cyaro twizihiza uyu muni, twibuka ko iterambere ry'ibanze twahisemo, ariwe rishingiyeho. Iki ni kimwe mu bitwereka agaciro yahawe, n'ubuyobozi bw' igihugu cyacu.

Minisiteri y' Uburinganire n'iterambere ry' Umuryango igaragaza ko: umubare w'ingo ziyobowe n'abagore, bafite nibura konti mu kigo cy'imari wiyongereye. Kuva mu bihumbi bibiri na cumi na kabiri (2012) kugeza mu bihumbi bibiri na cumi na kane (2014) wavuye ku bagore 27%, ugera kuri 44%. Abagore 42% bitabiriye gahunda ya Hanga umurimo, naho 46 % bagana ibigo by'Imali byo kubitsa no kugurizanya.

Ntawabura kandi kwishimira ko ubu, abagore 54 %, bafatanije ubutaka n'abagabo babo, kandi mu bwumvikane busesuye.

Iterambere ry'umugore wo mu cyaro, rijyana kandi no kureba uko ubuzima bwe buhagaze. Hari intera umugore agezeho yo gutekereza kubyara abana ashoboye kurera. Ku bufatanye n'uwo bashakanye, ni ngombwa ko bafata icyemezo kiberanye n'ubushobozi bwabo, kugira ngo babashe kurera abana babo neza, no kugira umwanya uhagije wo kubitaho.

Ibipimo bigaragaza ko mu Rwanda, muri 2005, umugore umwe yabyaraga abana batandatu (6), kuva 2010 kugeza ubu, biragaragara ko umugore umwe, abyara abana bane (4), murumva ko imiryango igenda yumva, akamaro ko kuboneza urubyaro.

Turashimira Leta yacu, yadufashije kugabanya impfu z'ababyeyi bapfa babyara. Mu 2005, ku bagore ibihumbi 100, abagore bapfaga babyara banganaga na 750, uwo mubare wagiye ugabanuka ugera kuri 476 mu 2010, none ubu bageze kuri 210¹. Ni ngombwa rero ko dukomeza gushishikariza ababyeyi kubyarira kwa muganga, kugira ngo turengere ubuzima bwabo, kuko gupfa utanga ubuzima, bitera agahinda gakomeye.

Uyu munsu kandi, ni umwanya wo kwishimira intambwe Abakobwa bagezeho mu iterambere. Bagaragaje ko bashoboye, haba mu bukorikori n'imyuga, muri Siyansi, ndetse no mu ikoranabuhanga.

Aha nkaba ngira ngo nshimire abana b'abakobwa, biga mu mashuri atandukanye, bafite byinshi bagezeho, bakaba bakomeje gufasha na bagenzi babo, mu byiciro bitandukanye, kugira ngo bagere ikirenge mu cyabo. Mukomereze aho, kandi mukomeze kuba urugero rwiza, kuri bagenzi banyu hirya no hino. Mukomeze kugira indangagaciro zikwiye kuranga abana b' u Rwanda.

¹ DHS 2014-2015

N'ubwo abakobwa bamaze gusobanukirwa n'akamaro ko kwiteza imbere, nagirango twibuke ko abakobwa barindwi ku ijana (7%) batwara inda bafite muni y'imyaka 19 !

Hari ubwo umuntu yibaza niba ababihanirwa bangana n'uyu mubare nibura? Ibihano bagenerwa se, bifite uburemere buhwanye n'ingaruka, aba bana bahura nazo? Ibyo turasaba ababishinzwe kubikurikiranira hafi, turebe uko twarwanya icyo cyorezo.

Kubyara ukiri muto, bibagiraho ingaruka nyinshi. Ikibabaje kandi, ni uko ari abazibatera ari n'ababyeyi, iyo ibi bimaze kuba bose barabatererana. Ibyo byose bizana ibibazo birimo n'impfu zijyanye no gukuramo inda, kubyara abana ntabushobozi bwo kubarera, bishobora no gutera ikindi kibazo cy'abana bo mu muhanda namwe mubona! Babyeyi muri aha dukore iki? Ese bana bacu mwe mwakora iki, ngo ibi bye kubabaho?

Hari n'ikibazo cyo gucuruza abana b'abakobwa, cyane cyane mu turere twegerewe imipaka n'ibihugu duturanye. Inzego zacu z'umutekano zikora uko zishoboye, zikabagarura iyo bimenyekanye. Ariko se bakirwa bate mu miryango yabo? Aho ntibahabwa akato bakongera bagasubirayo? Bayobozi, namwe babyeyi, dukwiye gushakira hamwe umuti w'iki kibazo, ariko dufatanije n'abo bana.

Bana bacu, ko hari gahunda zitandukanye zibashyirirwaho, harabura iki? Nagirango nsabe mwebwe muri hano, n'abatwumva

hose mu gihugu, twihe umukoro: Ni ibihe bisubizo twakwishakamo, ngo iki kibazo tugikumire?

Ndifuzza ko twafata akanya, ko gutekereza ku muryango iwacu imuhira. Muri iyi minsi, hagaragara hamwe na hamwe, amakimbirane mu miryango. Ese dukore iki? Nagira ngo nsabe inzego zose gushyira imbaraga mu « Umugoroba w'Ababyeyi ». Birakwiye ko gahunda ziba zashyizweho zikoreshwa uko zikwiye. Mukoreshe uyu mugoroba w'ababyeyi muri gahunda zose zibahugura. Nk'iri tegeko ry'umuryango mwasobanuriwe uyu munsi, turitezeho byinshi, mu gukemura ibibazo byari byugarije imiryango.

Abanyamadini n'amatorero, mufashe abagiye gushinga ingo, mubaherekeze muri urwo rugendo, bityo ingo zisenyuka zigabanuke, maze umwana akurire mu muryango umubereye.

Mu gusoza, nagira ngo nshimire abafatanyabikorwa bacu, badahwema kudushyigikira mu bikorwa by'iterambere nk'ibi. Uburere n'uburezi bw'umwana w'umukobwa, iterambere ry'umugore wo mu cyaro, n' umuryango muri rusange bisigaye inyuma, n' Igihugu nticyatera imbere.

Nkaba nagira ngo rero, nibutse ababyeyi ko bagomba gukomeza inshingano zabo, zo gutanga uburere buboneye ku bana babo no “Kwita ku mwana wese nk’uwawe”.

Bana b’abakobwa, nkuko dukunda kubibabwira, nimukorere ku ntego kugira ngo mushobore kwigira. Ntimukwiye kwisuzugura no kwisuzuguzza.

Sinakwibagirwa gushimira cyane, abagore bo mu murenge wa Cyahinda batwakiriye neza, batweretse iterambere bagezeho, ndetse nshimira n’ubuyobozi bwabo, abafatanyabikorwa bose, bagize uruhare mu gutegura uyu munsi.

Sinasoza ntijeje abakobwa ba Nyaruguru, uhagarariye inama nkuru y’igihugu y’abagore, bantumye kubwira Intore izirusha intambwe, ko bazakomeza kwita kuri gahunda bashinzwe n’umurava nkuko bikwiye.

Ndashimira na Joseline n’abandi nkawe bakomeza kuduha imbaraga mu bikorwa umuryango Imbuto Foundation ukora. Bitwereka ko tudakorera ubusa ahubwo ko bibagirira umumaro. Turabizeza ko tuzakomeza gukora uko dushoboye ngo ibyo dukora bigere no ku bandi babikeneye.

Nongeye kubifuriza **Umunsi mwiza mpuzamahanga w’umugore wo mu cyaro, Umunsi mpuzamahanga w’Umwana w’umukobwa,**

nkaba mboneyeho no gutangiza ku mugaragaro Ubukangurambaga
bw'umuryango, ngira nti: **“Twubake umuryango
n'Umunyarwandakazi ubereye umwana.”**

Mugira amahoro. Murakoze!